MINISTERE DU COMMERCE,
DE L'INDUSTRIE ET DE
L'ARTISANAT
B.P. 476 KIGALI
==========

RAPORO Y'IMURIKAGURISHA RYA CUMI NA RIMWE RY'IBIKORERWA MU RWANDA, KIGALI KUVA KUYA 1 KUGEZA KUYA 9 KANAMA 1992.

## 1. INTANGIRIRO.

Kuva mu mwaka wa 1983 ni incuro ya cumi na rimwe habayeho Imurikagurisha ry'Ibicuruzwa nyarwanda. Iryo murikagurisha rya cumi na rimwe ryabereye i Kigali, mu Rwunge rw'Amashuli Mutagatifu Andereya i Nyamirambo kuva itariki ya 1 kugeza tariki ya 9 Kanama 1992, rikingurwa ku mugaragaro na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe Dogiteri NSENGIYAREMYE Disimasi.

Iryo murikagurisha ryari ryateguwe na Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori ifatanyije na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Minisiteri y'Urubyiruko n'Amashyirahamwe, Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda na Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

Kimwe n'ayandi yaribanjirije, iri murikagurisha ryitabiriwe n'abanyenganda, abanyabukorikori, abahinzi-borozi, abanyamyuga, abashakashatsi n'Ibigo bya Leta kimwe n'imishinga itsura amajyambere mu cyaro, ndetse n'abanyamahanga baturutse mu gihugu cy'abavandimwe cya Repubulika y'u Burundi.

Imurikagurisha ry'uyu mwaka ryaranzwe n'abantu benshi baje kurisura. Abarijemo baruse abaje mu myaka ishize, bakaba basaga ibihumbi ijana, n'ubwo ari mu bihe bibi bitewe n'intambara n'ibibazo by'ubukungu.

## 2. IMYITEGURO Y'IMURIKAGURISHA.

Nkuko byari byarasabwe mu myaka ishize n'abategura amamurika ndetse n'abamurika ubwabo, imyiteguro y'imurikagurisha yatangiyeka.

Mu kwezi k'Ukwakira 1991 tariki ya 10 niho Minisiteri yari iy'Ubucuruzi no Kurengera Abaguzi yasabye ba Perefe ba za Perefegitura zitabera mo imirwano uvanyemo Kigali na Butare, ko bahatanira kwakira icyo gikorwa cy'agahebuzo nkuko byari byarabaye karande kuva 1987 ko umwaka w'igiharwe ribera i Kigali naho utari igiharwe rikabera muri imwe mu yandi ma Perefegitura. Abo ba Perefe bamenyeshejwe kandi ko amatariki yemejwe kuva hambere kujya aberaho Imurikagurisha ari ukuva tariki ya 2 kugeza kuya 9 Kanama. Minisitiri yaboneyeho kandi gusaba ba Miuisitiri basanzwe bafatanya gutegura imurikagurisha, gushyiraho ababahagararira muri Komite y'Igihugu Ishinzwe Amamurika mu Rwanda no mu Mahanga.

Mu ma perefegitura yose, ayashubije abyemera ni Gitarama na Cyangugu. Ibyo bisubizo bimaze kuboneka inama ya Komite y'Igihugu yateranye kuwa 17 Mutarama 1992 irabisuzuma, maze ifata icyemezo cyo kwohereza muri izo perefegitura zombi akanama ko kuyirebera ibyangombwa n'ubushishozi zifite; ako kanama kakoze raporo maze yigirwa mu nama rusange ya mbere abazaza mu Imurikagurisha bagiranye na Komite y'Igihugu ishinzwe Amamurikagurisha mu Rwanda no mu Mahanga.

Iyo nama rusange imaze gusuzuma imbogamizi zagaragaye kuri buri perefegitura isanga ibyo bibazo birushaho kuremera iyo wongeyeho iby'umutekano n'iby'ubukungu ihitamo ko imurika ryabera i Kigali.

Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda nawo watumiye abanyamahanga kuza mw'imurikagurisha rya cumi na rimwe ubinyujije ku miryango y'ubucuruzi yo muri ibyo bihugu. Wibanze cyane cyane ku bihugu duhuriye ku miryango y'uturere y'ubukungu nka CEPGL. Umuryango w'Ibihugu Bituriye Ibiyaga Bigali, ZEP, Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Iburasirazuba n'Amajyepfo ya Afurika Byiyemeje Guhahirana, na CEEAC Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo muri Afurika yo Hagati.

Habaye inama nyinshi zahuje Komite zombi iya Perefegitura n'iyo mu rwego rw'Igihugu, izahuje abamurika n'abategura imurika kimwe n'Inama y'Umutekano ya Perefegitura yatumiwemo abahagarariye Komite y'imurikagurisha. Gahunda y'izo nama zose yari iteye itya:

| Itariki | Ubwoko bw'inama | Ibyasuzumwe |
|---|---|---|
| 17.01.1992 | Komite y'igihugu | Gusuzuma ibisubizo bya ba Perefe |
| 16.03.1992 | Komite y'igihugu | Gusuzuma raporo y'akanama kari kavuye mu butumwa i Cyangugu n'i Gitarama |
| 19.03.1992 | Komite y'Igihugu | Aho imurika rizabera, ibibazo by'umutekano, gahunda rusange n'abifuza kuzaza mu nama y'imyiteguro, kwagura Komite y'Imurika ikinjiramo abahagarariye abamurika. |
| 10.06.1992 | Komite zombi (iya Prefegitura n'iyo mu rwego rw'Igihugu) | Ingengo y'imali y'imurikagurisha, agatabo k'imurikagurisha, guteganya uko imirimo yunganira imurika (guteka, gufotora,imikino n'ibindi...) izakorwa no gutegura inama rusange (Komite n'abazaza mu imurika yo kuwa 7.7.1992 |
| 07.07.1992 | Komite zombi n'abazaza mu Imurikagurisha | Amategeko rusange agenga amamurikagurisha mu gihugu |
| 24.07.1992 | Komite zombi | Gutegura inama rusange yo kuwa 27.07.1992 no guha imirimo abazayobora imurikagurisha. |
| 27.07.1992 | Komite zombi | Gutanga imyanya yo kumurikiramo. |

## 3. IMIGENDEKERE Y'IMURIKAGURISHA.

Imurikagurisha rya cumi na rimwe ryafunguwe ku mugaragaro na Nyakubahwa Ministri w'Intebe Dr NSENGIYARENYE Disimasi, kuwa gatandatu taliki ya mbere Kanama 1992 saa ine za mugitondo.

Ryashojwe ku itariki ya 9 Kanama 1992 saa cyenda na Ministiri w'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori, Madamu NTAMABYARIRO Anyesi.

### 3.1. Umuhango wo gutangiza Imurikagurisha

Umuhango wo gutangiza Imurikagurisha wayobowe na Nyakubahwa Ministri w'Intebe Dr NSENGIYAREMYE Disimasi hari abanyacyubahiro benshi barimo aba Ministri, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, n'Abadepite mu Nama y'Igihugu Iharanira Amajyambere. Hari kandi n'imbaga nyamwinshi y'abaturage n'abandi bari bakereye gukora imurikagurisha.

Uwo muhango wabanjirijwe na Disikuru ya Madamu Minisitiri w'Ubucuruzi,Inganda n'Ubukorikori. Mu ijambo rye, ingingo z'ingenzi twavuga ni izi zikurikira:

1. Yashimiye Minisitiri w'Intebe, Nyakubahwa Dr.NSENGIYAREMYE Dismasi kuba we ubwe yari yiyiziye gutangiza Imurikagurisha ryo mu Rwego rw'Igihugu.Iyo nkunga ye ikaba yarerekanye ko Minisitiri w'Intebe ashyigikiye ibikorerwa mu Rwanda byose, byaba ibikorwa n'abanyabukorikori, byaba ibikorwa n'abashakashatsi,byaba ibiva mu buhinzi no mu bworozi bw'abanyarwanda b'ingeri zose.

2. Minisitiri yagize ati : "Iri murikagurisha ribaye mu gihe igihugu cyacu cyugarijwe n'ibibazo byinshi birimo iby'intambara". Yongeye agira ati : "Nubwo turi mu bihe bibi by'intambara ku mipaka y'amajyaruguru y'Igihugu, hakozwe ibishoboka byose kugirango amamurikagurisha yo mu maperefegitura ataberamo imirwano ashobore kuba".

3. Ibindi bibazo Minisitiri yavuze n'ibizanwa n'uko muri rusange ubukungu bw'Isi bwifashe nabi ndetse n'ubw'Igihugu cyacu ku buryo bw'umwihariko. Nko kubona 80 ku ijana y'amafaranga y'amahanga tuyakomora ku bihingwa bibiri gusa, icyayi na kawa, andi 20 ku ijana asigaye tukayakura ku mpu n'ibicukurwa mu butaka. N'uko ibiciro by'ibyo bicuruzwa bishyirwaho n'abanyamahanga nta ruhare tubigizemo. Ibyo bigatuma amafaranga dukuramo adatuma dushobora kwihahira ibyo dukenerayo, byongeye kandi n'imari y'igihugu igakomeza kuhazaharira. Hari kandi n'uko ubutaka bwacu ari buto cyane kandi ari nkene, bukaba kandi bukoreshwa cyane bitewe n'abaturage badahwema kwiyongera.

4. Tukaba rero tugomba gukora uko dushoboye kwose tukikenuza ibikorerwa iwacu, ni nayo mpamvu abanyabukorikori n'abahinzi-borozi bagomba kwifashisha amamurikagurisha nk'iri kugirango berekane ibyo bashoboye kutubonera.

5. Minisitiri yavuze ko iri murikagurisha ryitabiriwe n'abantu benshi ari abavuye mu maperefegitura yose y'u Rwanda, ari n'abavuye i Burundi. Abaturutse i Burundi bazatuma turushaho kumenya ibyo bafite bishobora kudushimisha ariko nabo bazaboneraho umwanya wo kumenya ibyo dukora.

6. Minisitiri yibukije ko amamurikagurisha nk'iri yatangiye muri 1983. Icyo gihe ryitabiriwe n'abantu 42. Mu mwaka ushize bari 150. Ubu ni hafi 190.

7. Yibukije ko byasabwe kuva hambere ko tugira ahantu hagari abantu bakwisanzurira, ariko ibibazo igihugu cyacu gifite ntibyatumye inzu y'amamurikagurisha yubakwa. Usibye ko Minisiteri y'Imirimo ya Leta n'Ingufu yamaze gutanga ikibanza hakaba hasigaye kwifashisha ibihugu n'imiryango by'incuti kugirango tubone amafaranga yo kwubaka.

8. Minisitiri yavuze ko mu bimurikwa ibiteye amatsiko cyane ari ibikorwa n'abashakashatsi bagamije gutunganya ibihingwa byacu no kubibyazamo ibintu bitwizihiye byaba ibiribwa cyangwa ibindi bikoresho dukenera cyane.

9. Ibintu bikorerwa mu nganda zacu usanga bihenda cyane. Ahanini ibyo biterwa n'uko ibikoresho-fatizo izo nganda zikoresha bituruka mu mahanga, kandi ugasanga ntaho bitaniye cyane n'ibyo baba bashaka gukoramo. Inganda zacu ahubwo ntizari zikwiye gukomeza kwigana ibyo hanze ahubwo zari zikwiye kwihatira gukoresha ibikoresho-fatizo biboneka ino iwacu.

10. Abanyenganda bakunze kwivugira ko Leta itabafasha, nyamara hakurikijwe amasezerano igihugu cyacu cyasinyanye na Banki y'Isi yose, Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori yakoze ibishoboka byose ikuraho amananiza yacaga intege abacuruzi mu gihe cyo gushora imari mu bikorwa by'amajyambere:

- Uburyo bwo gutanga Rejisitiri y'Ubucuruzi bwarorohejwe;

- Ishyirwaho ry'ibiciro risigaye rikorwa ku bwumvikane hagati y'ugura n'ugurisha uretse ku bintu bimwe na bimwe hagaragara ko nta piganwa rihagije;

- Amategeko n'amabwiriza yose yari abangamiye abanyenganda, abacuruzi, abashakashatsi n'abanyabukorikori aravugururwa kandi Leta irimo iriga uburyo bwo kuvugurura amategeko yo gushora imari mu bikorwa bya kijyambere.

. Hashyizweho igihembo gihabwa uwarushije abandi kohereza ibicuruzwa mu mahanga. Amahoro kubyo twohereza mu mahanga yavanyweho uretse ku bicuruzwa bimwe nk'Icyayi, Ikawa n'Impu. Havanyweho kandi ya mafaranga atanu ku ijana yakwaga abasabye amadovize yo gutumiza ibintu mu mahanga.

11. Minisitiri w'Ubucuruzi,Inganda n'Ubukorikori mbere yo gusoza ijambo rye yifuje ko imurikagurisha rya cumi na rimwe ryo mu rwego rw'Igihugu rigomba kugera ku ntego enye zikurikira:

1. Kwereka abanyarwanda ibintu bikorerwa iwabo kugirango babimenye babonereho kubikunda;

2. Gutuma ubucuruzi butera imbere bityo abagurisha bakereka abaguzi ibyo bashobora kubagezaho byaba ibikorerwa iwacu mu Rwanda cyangwa ibiva mu mahanga.

3. Gutuma abakora ibintu barushaho kubitunganya bakurikije ibyo abaguzi bakunda;

4. Kurushaho kumenyekanisha ibicuruzwa byacu mu gihugu hagati ndetse no mu mahanga bityo abanyarwanda bakamenyeraho ibintu biboneka ino no mu mahanga.

Yashoje ijambo rye yizera ko izo ntego zizagerwaho, ashimira abaryitabiriye, abasaba no gukomeza gushyikiriza abaturage bari mu duce twose tw'Igihugu cyacu ibintu baje kumurika. Mbere yo gusura ibyamuritswe, yasabye Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe gutangiza ku mugaragaro isurwa ry'imurikagurisha.

3.2. <u>ABAJE MW'IMUKIKAGURISHA</u>

Imurikagurusha rya cumi na rimwe ryitabiriwe n'abanyenganda, abanyabukorikori, abanyamyuga, abahinzi-borozi, abashakashatsi, ibigo bya Leta, abacuruzi, abanyamahanga n'imbaga nyinshi y'abaturage, ari abatuye Umujyi wa Kigali ndetse n'abaturutse mu tundi turere tw'igihugu.

Mu rwego rw'abamurika, imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare wabo hakurikijwe urwego bakoreramo, kuva muri 1988 kugeza 1992.

Abaje mu Imurikagurisha

| Urwego rw'imirimo | 1988 | 1989 | 1990 | 1991 | 1992 |
|---|---|---|---|---|---|
| Abamurika ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi | 27 | 29 | 30 | 61 | 43 |
| Inganda zinyuranye | 28 | 27 | 27 | 22 | 29 (*) |
| Abanyabukorikori n'imyuga | 71 | 50 | 78 | 59 | 80 |
| Amaresitora | - | - | 6 | 7 | 26 |
| Abanyamahanga | - | - | 7 | 3 | 1 |
| Abandi (*) | 6 | - | 16 | 9 | 11 |
| igiteranyo | 132 | 106 | 153 | 161 | 190 |

Umunyamahanga nawe ni umunyenganda (ubwo abanyenganda ni 30).

(*) Ni ukuvuga abatabarirwa muri ziriya nzego nk'abacuruza ibitabo, abatanga amanama ari mu byo gucuruza cyangwa mu by'ubuvuzi n'ibindi. Abo bamuritse uko ari 184 bakorejeshe abantu bageze ku gihumbi.

Amafaranga yacurujwe

| Urwego rw'imirimo | Amafaranga yacurujwe |
|---|---|
| Abamurika ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi | 8.228.428 FRW |
| Inganda zinyuranye | 56.161.873 FRW |
| Abanyamyuga n'abanyabukolikori | 6.160.926 FRW |
| Amaresitora n'ibindi | 5.480.009 FRW |
| | 76.031.236 FRW |

Imurikagurisha ryasuwe n'abantu benshi cyane baruse kure abari basanzwe barisura. Ibyo biragaragazwa cyane n'amafranga yatanzwe mu kwinjira ndetse n'ayagurishijwe n'abamurika. Iyo umuntu abaze hakurikijwe amafaranga yinjiye abantu bagera ku bihumbi cumi na bibiri ku munsi tutabariyemo abagiye binjira batarishye babyemerewe(abasirikare,abamurika,abakorera ahabereye Imurikagurisha), cyangwa se abatorotse abashinzwe umutekano,usanga abantu bose bagera ku bihumbi nka cumi na bitanu ku munsi. Ku buryo mu minsi icyenda y'imurikagurisha abarisuye bose hamwe bali hagati

y'ibihumbi ijana na mirongo itatu n'ijana na mirongo itanu. Ibyo kandi biragaragazwa n'amafranga yacurujwe mu imurikagurisha yavuye kuli miliyoni 40 muri 1991 akagera kuli miliyoni 76 uyu mwaka ni ukuvuga ubwiyongere bwa 90%.

3.3. ABAMURITSE IBISHYASHYA.

| | |
|---|---|
| 1. Abaharanirabuzima | Imiti ya gihanga |
| 2. ARDI | Imitobe y'imbuto |
| 3. BRALIRWA | Inzoga ya HEINEKEN |
| 4. ARCDB | Uduti two kwihaganyura |
| 5. AIR RWANDA | Ibyerekeye gutwara ibintu mu kirere |
| 6. AFUC | Ibikoresho byo mu gikoni |
| 7. ATELIER D'ELECTRONIQUE | Ibyuma bigera umuriro w'amashanyarazi |
| 8. TANNERIE MUDASOMWA | Ibiva mu mpu |
| 9. CNIA | Ibikoresho byo gutera inka intanga |
| 10. MISO | Ibiryo biva muli Soya byitwa Miso |
| 11. OPYRWA | Imiti yica udukoko iva muli pyrèthre |
| 12. LA MEDIAR | Ibitaramo, iteramakofe |
| 13. PROJET KIGALI NORD | Ibihingwa ngandurarugo |
| 14. UKWIZAGIRA Gaspard | Amafu y'amasaka, soya, umuceli, amashaza n'ibindi |
| 15. ZIA | Intore( liqueur de banane) |
| 16. CEAPS | Ibikinisho by'abana |
| 17. DERN | Ibikorwa mu bwoya bw'intama |
| 18. BALL PEN RWANDA | Feutres, n'ubwoko buvuguruye bw'amakaramu yari isanzwe ikora |
| 19. MECATOL | Inyakiramajwi ya TV ikorana n'ibyogajuru reception TV |
| 20. PROMETAL | Udukarito two gupfunyikamo |
| 21. SULFO | Amavuta yitwa Diamant |
| 22. TECHNOSOL | Ibyuma bishyushya amazi bikoresha imirasire y'izuba |
| 23. BASIMBIZI MS | Ibyuma bitanga amashanyarazi bikoresheje imirasire y'izuba |
| 24. CPQ | " |
| 25. ENESOL | " |
| 26. AMEKI COLOR | Irangi |
| 27. UPC | Ibikoresho byo kwa muganga bikoze mu ipamba |
| 28. FACYRWA | Amagare |
| 29. GROUPE RUTAGANDA Géorges | Inzoga Carlsberg na Tuborg |
| 30. PASA | Ibikoresho byo kurwanya umubu utera malaria |
| 31. CURPHAMETRA IRST | Imiti inyuranye |
| 32. ORINFOR PROJET TV | Programmes za Televiziyo |
| 33. APAC PST HIMO | Ibintu bikoze mu ibumba |

| | |
|---|---|
| 34. ATT | Amashuka aboshye |
| 35. ETS KABUGA | Ifu y'Ingano, imigati ikoze mu ngano zo mu Rwanda |
| 6. KIM TALONS | Ubwoko bushyashya bw'inkweto |
| 37. PROJET GREEN | Ibikoresho by'amashanyarazi bikoresha imirasire y'izuba n'amashyiga ya kijyambere |
| 38. NTAMABYARIRO Léopold | Tableaux peints(amashusho |
| 39. OVIBAR | Butunda |
| 40. TOP CAR | Imodoka zikodeshwa |
| 41. BECO | Dalles et carreaux |

## 3.4. INDI MIRIMO IJYANA N'IMURIKAGURISHA.

### 3.4.1. IBIGANIRO MBWIRWARUHAME.

Ibiganiro mbwirwaruhame byari biteganyijwe nk'uko bigaragara kuli gahundu ikulikira :

| Italiki | Utanga ikiganiro | Ikiganiro | Cyarabaye ? |
|---|---|---|---|
| 03/08/92 | Ministri w'Ubucuruzi Inganda n'Ubukorikori | Ikibazo ubucuruzi n'inganda bifite muri iki gihe cy'ubukungu bwifashe nabi | Yego |
| 04/08/92 | Banki Nkuru | Inguzanyo muri banki nkuru n'amategeko yo kuvunja amafaranga y'amahanga | Oya |
| 05/08/92 | Kanimba : ushinzwe imigendekere ya programme yo kuzahura ubukungu mu Rwanda | Programme yo kuzahura bukungu n'uruhare ifite mu by'ubucuruzi, inganda n'ubukungu mu Rwanda | Oya |
| 06/08/92 | Umuyobozi Mukuru wa Emballage Rwanda | Yaganiriye ku bibazo byo gupfunyika ibicuruzwa | Yego |
| 07/08/92 | Ministri w'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Umuco | Ubushakashatsi n'iki gega cyitiriwe Perezida HABYARIMANA | Oya |

3.4.2. TOMBOLA

Uyu mwaka amatombola yose yo mw'imurikagurisha yahariwe by'umwihariko Umuryango Utabara Imbabare mu Rwanda (CROIX ROUGE RWANDAISE) kugirango uzashobore kugoboka abavandimwe bacu bavanywe mu byabo n'intambara.

3.4.3. IMIKINO

Mu rwego rw'imikino habaye imikino myinshi kandi inyuranye yabimburiwe n'itorero ry'Igihugu URUKERERZA. Habaye amakinamico, iteramakofi, imikino ngororangingo ndetse na orchestres zatanze ibitaramo.Herekanywe za sinema, za videwo, televiziyo ndetse ababishatse bashoboye gukurikirana imikino olempiki y'i Barcelone.

3.5. INGENGO Y'IMALI Y'IMURIKAGURISHA RYA CUMI NA RIMWE.

Ingengo y'imari y'imurikagurisha yateguwe na komite y'igihugu ishinzwe amamurikagurisha, ishyikirizwa Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori kugirango ayemeze. Nkuko bisanzwe, yari iteganyijwe ko izakomoka ku ngengo y'imari ya leta, ku musanzu w'Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda, ku mafaranga y'ubukode azatangwa n'abamurika ku myanya bahabwa gukoreramo mu gihe cy'imurika, ku mafaranga akomoka ku mirimo yishyurirwa ijyanye n'imurikagurisha no ku bwishyu bw'ibirarane bikomoka ku bakoze iyamamaza mu gatabo k'imurikagurisha ry'umwaka washize wa 1990.

Ayo mafaranga yose akaba agenewe kwishyurwa ubukode bw'ahakorerwa imurika, amatangazo n'ibyapa, ibikoresho, telefoni, abazamu, abakora isuku, lisansi, gucapa tike zo kwinjira n'ibindi.

3.5.1. INGENGO Y'IMALI .

3.5.1.1. IMBONERAHAWE Y'AYARI GUSOHOKA N'AYASOHOTS .

| | Ayari gusohoka | Ayasohotse . |
|---|---|---|
| 1. Ubukode bw'ahabera imurika-gurisha | 1.300.000 | 1.300.000 |
| 2. Ubukode bwa telefoni | 20.000 | 10.000 |
| 3. Ibikoresho rusange(fournitures diverses) | 30.000 | - |
| 4. Kwamamaza(icyapa,iyamamaza risanzwe) | 300.000 | 357.120 |
| 5. Gufotora na album | 50.000 | - |

| | | |
|---|---|---|
| 6. Isuku, izamu | 33.000 | 104.450 |
| 7. Kwandika ku madiporome (certificat de participation | 5.000 | 5.000 |
| 8. Ifunguro n'agahimbazamusyi k'abayobora imurikagurisha | 495.500 | 1.003.000 |
| 9. Lisansi | 75.000 | 142.808 |
| 10. Kurangurura amajwi ahabera imurikagurisha | 100.000 | 266.000 |
| 11. Gucapa impapuro zo kwinjiriraho n'igitabo cyamamaza imurikagurisha | 812.500 | 809.590 |
| 12. Kwakira abashoje imurikagurisha | 500.000 | 337.840 |
| 13. Ibindi | 50.000 | 22.393 |
| 14. <u>Ibyiyongereye ku byari biteganijwe</u> (Postes nouveaux) | | |
| - Ubwishingizi | - | 137.503 |
| - Ayahembwe abacuruje amatike | - | 174.372 |
| - Gutumiza urukerereza | - | 204.725 |
| - Ifunguro ry'abashinzwe umutekano | - | 30.805 |
| - Agatabo k'imurikagurisha | - | 202.500 |
| 15. Ibyangiritse mu kigo hagati yo kugihabwa no kugisubiza ubuyobozi bw'ishuri | 200.000 | 116.576 |
| IGITERANYO | 3.971.000 | 5.224.682 |
| 16. Ayasohotse ari inyongera | 1.203.682 | |
| IGITERANYO | 5.224.682 | 5.224.682 |

| | | |
|---|---|---|
| 2. Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda | 495.500 | - |
| 3. Ingengo y'imari ya Leta | 542.075 | 1.699.423 |
| 4. Kwamamaza mu imurikagusha | 100.000 | 563.630 |
| 5. Kuriha ahahagarara imodoka | 33.750 | - |
| 6. Tombola | 50.000 | - |
| 7. Gufotora mu imurikagurisha | 30.000 | - |
| 8. Kwinjira mu imurikagurisha (Abakuru n'abana) | 3.000.000 | 2.014.361 |
| 9. Guteka mu imurikagurisha | 100.000 | - |
| 10. Imikino n'imyidagaduro | 180.000 | - |
| 11. Kwamamaza mu gitabo cy'imurikagurisha | 100.000 | 202.500 |
| 12. Ubukode bw'amacumbi | - | 26.100 |
| 13. Imikino Olempiki y'i Barcelone | - | 8.820 |
| 14. Kugurisha udutabo tw'imurika-gurisha | - | 1.110 |
| IGITERANYO | 5.931.325 | 6.026.644 |
| Ayinjiye ari ikirenga ku yari ateganijwe | 96.319 | |
| YOSE HAMWE | 6.027.644 | 6.027.644 |

Iyi ngengo y'imari iratwereka ko amafaranga yari ateganijwe kwinjira no gusohoka yabonetse ku buryo bukulikira:

| | Ayari kwinjira | Ayinjiye |
|---|---|---|
| | 5.931.325 | 6.026.644 |
| Ikirenga | 95.319 | - |
| Yose | 6.026.644 | 6.026.64 |

| | Ayari gusohoka | Ayasohotse |
|---|---|---|
| | 3.971.000 | 5.225.182 |
| Inyungu | 2.056.644 | 802.962 |
| Yose | 6.026.644 | 6.027.644 |

Urwunguko rwari ruteganijwe ni 2.055.644. Rwaje kugabanurwa n'ibyiyongereye kandi bishyashya bitajyaga bikorwa mu mamurika yabanjirije iri. Byatanzweho 1.254.182, bityo hasigara inyungu y'amafaranga 801.462.

### 3.5.3. UKO INGENGO Y'IMALI YAKORESHEJWE.

Muri rusange ingengo y'imari yari iteganijwe ntiyahindutse ariko inyungu yari iteganijwe yaragabanutse. Ibyo ahanini byatewe n'uko hari amafaranga yari ateganijwe kwinjira atarinjiye na busa cyangwa yagabanutse; hakaba n'amafaranga yasohotse atari ateganijwe cyangwa akaba asumbye ayari ateganijwe. Ibyo biboneka neza iyo umuntu agereranije umushinga w'ingengo y'imali n'ingengo y'imali yakoreshejwe.

#### 3.5.3.1. AMAFARANGA ATARABONETSE YARI ATEGANIJWE.

Amafaranga yari ateganijwe atarinjiye na busa ni ayagombaga kuva mu Muryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda, mu gufotora, muri tombola, muri telefoni, mu mikino n'imyida- gaduro. Atarinjiye ku buryo buhagije ni ayo kwinjiza abasura imurikagurisha. Kuko tombola yahariwe Umuryango Utabara Imbabare mu Rwanda, nta mafaranga ubuyobozi bw'imurikagurisha bwasanze ari ngombwa gusaba abacuruje amatike yayo. Naho mu kwinjiza amafaranga mirongo itanu yari ateganijwe ku muntu mukuru yashyizwe kuri makumyabiri.

3.5.3.2. AMAFARANGA YASOHOTSE ATARI ATEGANIJWE.

Kuri iyo ngingo hari ibintu bishyashya byiyongereyemo hakaba n'amafaranga yiyongereye ku yari ateganijwe. Mu bishyashya bitari biteganijwe twavuga ubwishingizi, gufungurira abashinzwe umutekano, guhemba abacuruje amatike, gutumiza Urukerereza, kwakira abantu mu muhango w'isoza ndetse no kuriha ikigo cy'Urwunge rw'Amashuri Mutagatifu Andereya ibyangiritse ku mazu yacyo mu gihe cy'imurikagurisha.

Ntabwo kandi umuntu yakwibagirwa amafaranga yatanzwe arenze ayari ateganijwe. Ayo ni nk'amafaranga yatanzwe ho agahimbazamusyi ndetse n'amafunguro byahawe abayoboye imurikagurisha ndetse n'abapolisi babungabunze umutekano, bafunguriwe saa sita kuko bataruhukaga nka mbere mu kazi kabo ko kuri Perefegitura y'Umujyi wa Kigali. Ibyo byatewe cyane cyane n'ubwiyongere bw'abantu bari bakenewe mu buyobozi bw'imurikagurisha bikubye kabiri bakagera kuri mirongo ine. Hari n'amafaranga yahembwe uwakoze agatabo k'imurikagurisha (honoraires) ayahawe abakozi b'isuku n'ayaguze lisansi.

Ubwo bwiyongere bwose burumvikana kubera ukuntu ikigo cyabereyemo imurika ari kigari kandi uruzitiro rukizengurutse rukaba rutubatse neza abantu bakaba barashoboraga kumenera aho bashatse bagahungabanya umutekano w'imurikagurisha kandi n'abantu binjiye bari benshi bigatuma imirimo yo gutunganya imurika ijyana n'ubwo bwiyongere bwabo( ku buryo bw'urugero abantu abateguye imurikagurisha bizeraga bari 75.000 ariko abinjiye nk'uko byavuzwe hejuru basaga 130.000).

3.6. UMUHANGO WO GUSOZA IMURIKAGURISHA.

Umuhango wo gusoza imurikagurisha wayobowe na Madamu Ministri w'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori. Mw'ijambo Madamu Ministri yavuze asoza imurikagurisha, ingingo z'ingenzi yibanzeho ni izi zikulikira:

1. Imurikagurisha rya 11 ryasuwe n'abantu benshi. Muribo, harimo abari bazanywe no kureba ibintu byamurikwaga bakaboneraho no guhaha, harimo ariko n'abandi bazanywe no kwiruhukira no kubonana n'inshuti.

2. Muri rusange kandi abantu basuye imurikagurisha bararikunze cyane. Ibyo bikaba byaratewe n'impamvu nyinshi ariko iz'ingenzi zikaba ari izi eshatu:

   - ibyinshi mu byacurujwe ntibiboneka ku masoko asanzwe;
   - ibiciro by'ibintu wasangaga byagabanutse cyane;
   - imyidagaduro irimo ibiryo n'ibinyobwa byakuruye abantu benshi.

3. Imurikagurisha rya 11 ryaranzwe n'ibyiza byinshi birimo imbabazi n'umutima w'impuhwe byagaragajwe n'abarisuye n'abamuritse ubwabo maze abenshi bakagira icyo bigomwa bafasha abakuwe mu byabo n'intambara.

4. Imurikagurisha rya 11 ryagenze neza cyane. Hari amafaranga yinjije akomoka ku matike yo kwinjira. Hari n'andi yakomotse ku tuntu n'utundi twagiye turikorerwamo. Ndetse, byaragaragaye ko imurikagurisha ryungutse, iyo ugereranije amafaranga ryinjije n'ayatanzwe kugirango ritungane. Bityo, iryo murikagurisha ryagaragaje ko amakoraniro nk' ayo y'abaguzi n'abagurisha ashobora kwibyarira uburyo buyabeshaho.

5. Minisitiri yifuje ko hakwigwa uburyo amamurikagurisha yo mu rwego rw'Igihugu yakoreshwa kenshi mu mwaka.

6. Ibitaramo n'ibiganiro mbwirwaruhame byagaragayeho ko bititabirwa na benshi. Bikwiriye rero gushakirwa undi mwanya utari mu mamurikagurisha.

7. Imurikagurisha ryaranzwe n'uko abariteguye bakanariyobora barimo abikorera ku giti cyabo. Ibi bikaba bishimangira ko umushinga wo kubaka ikigo cy'amamurikagurisha washyigikirwa, kuko abadufasha badusabaga kubereka ko uwo mushinga washobora kwunguka kandi ukitabirwa n'abikorera ku giti cyabo.

8. Ibintu byakunze kugurwa cyane ni ibiribwa n'ibinyobwa birimo imitobe, amadivayi n'inzoga ziturуka mu bihingwa mu Rwanda.

9. Nyamara ariko n'abanyenganda bagurishije amafaranga atubutse

10. Abanyabukorikori, n'ubwo babaga bafite ibintu byinshi kandi abantu bakunda, wasangaga bataguriska cyane kubera ko ibintu byabo byajyaga kugura nk'uko bisanzwe bigurishwa hanze y'imurikagurisha.

11. Nta byera ngo de ! Hari abaje mw'imurikagurisha bagamije gucuruza ku giciro gito gusa, batarebye niba abo bacururiza hahagije kubarinda umubyigano. Ibyo nibyo byakuruye ibintu bisa n'akajagari mw'imurikagurisha.

12. Hacurujwe amafaranga 76.031.236.

13. Uburyo bwo kurobanura uhabwa igihembo cyagenewe uwarushije abandi kohereza ibicuruzwa mu mahanga bushingiye ku ngigo zigaragara arizo:

- kwinjiza amafaranga menshi y'amahanga;
- ibiciro ibicuruzwa byaguzweho mu masoko y'amahanga
- agaciro k'ibicuruzwa;
- uko ibiciro byagiye byiyongera buri mwaka;
- kwohereza kenshi ibicuruzwa mu mahanga.

14. Abapiganira icyo gihembo n'abohereza ibicuruzwa mu mahanga baracyari bake.

15. Abahawe igihembo cyo kuba barohereje ibintu mu mahanga mu mwaka wa 1991 ni aba:

. RWANDA EXOTIC COMPANY mu rwego rw'ubuhinzi-bworozi;
. ASPAR mu rwego rw'ubukorikori;
. CIMERWA mu rwego rw'inganda.

Mw'ijambo yavuze uhagarariye abamurika, yibanze ku ngingo z'ingenzi zikulikira:

1.Ikigo cy'Urwunge rw'Amashuri cya Mutagatifu Andreya kiberanye n'amamurikagurisha.

2.Yanatanze ibyifuzo bikurikira:

- ko imurikagurisha ry'i Kigali ryahora ribera muri icyo kigo, kuko ari kigari;

- ko imirimo yo kubaka Ingoro y'Imurikagurisha yakwihutishwa;

- ko Leta yafasha abanyenganda, abanyabukorikori n'abiyemeje umwuga w'ubucuruzi bose ibagezaho emballages zo gupfunyikamo ibicuruzwa byabo. Ngo muri urwo rwego Leta yashyiraho umushinga wakwita ku bibazo bya emballage ku buryo bwihutirwa;

- ko Leta yashyiraho igihembo cyagenerwa abantu bamuritse ibikorwa byabo bigashimwa n'abantu benshi kandi bikaba muri buri cyiciro cy'ibimulikwa;

- ko gahunda y'ibiganiro mbwirwaruhame yagezwa ku bantu mbere, kugira ngo n'abamurika babashe gukora gahunda yabo yo kuzakurikirana ibyo biganiro.

Mu mwanzuro we, uhagaraliye abamuritse ibintu yasabye ko :

3.kwiyandikisha byajya birangira hasigaye amezi abiri, n'iminsi yo gutegura "stand" ikava kuri itatu ikajya kuri itandatu kugirango abazamurika babashe kwitegura neza.

4.Leta yakwihutisha umushinga wo guhagarika inkunga yateraga ibigo byayo bikorera buri gihe ku gihombo, maze ibyo bigo bigashyirwa vuba mu maboko y'abikorera ku giti cyabo kuko byagaragaye ko aribo bafatiye runini ubukungu bw'igihugu.

5. Banki zikorana n'abiyemeje umwuga w'ubucuruzi zikuraho amananiza mu kubaguriza amafaranga yo gukoresha kandi zikibuka ko ayo mafaranga zikoresha ari ayabo babitsa, bityo zigahindura imikorere yazo ikanogera igihe tugezemo, inguzanyo igahabwa umucuruzi nta mananiza.

6. Leta yafatanya n'abiyemeje umwuga w'ubucuruzi gushyiraho gahunda iboneye Umuryango w'Ubucuruzi n'Inganda mu Rwanda wagenderaho ngo bihuzwe n'igihe tugezemo.

Kigali, Kanama 1992